

ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/2009 RYO KUWA 01/12/2009 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE Y'UTUNAMA DUSHINZWE KUGENA AGACIRO K'UMUTUNGO BWITE WA LETA UGURISHWA, UGURANWA, UTANGIRWA UBUNTU CYANGWA UVANWAHO

MINISTERIAL ORDER N° 007/2009 OF 01/12/2009 DETERMINING THE ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE ASSET DISPOSAL EVALUATION COMMITTEE TO SET VALUE FOR STATE PRIVATE ASSETS TO BE SOLD, EXCHANGED, DONATED OR COMPLETELY DESTROYED

ARRETE MINISTERIEL N° 007/2009 DU 01/12/2009 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES COMITES D'EVALUATION DES BIENS DU DOMAINE PRIVÉ DE L'ETAT DEVANT ETRE VENDUS, ECHANGES, DONNES OU DETRUIITS

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** icyo iteka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier :** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Gutegura urutonde rw'umutungo

**Article 2:** Preparation of asset list

**Article 2 :** Etablissement de la liste des biens

**Ingingo ya 3:** Ishyirwaho ry'akanama kagena agaciro

**Article 3:** Establishment of the valuation Committee

**Article 3 :** Mise en place du comité d'évaluation

**Ingingo ya 4:** Abagize akanama kagena agaciro n'igihe kamara

**Article 4:** Composition of the valuation Committee and its term of office

**Article 4:** Mandat du comité d'évaluation et sa composition

**Ingingo ya 5:** Abatemerewe kujya mu kanama kagena agaciro k'umutungo bwite wa Leta

**Article 5:** Officials not allowed to be members of the valuation Committee

**Article 5 :** Agents publics ne pouvant pas faire partie du comité d'évaluation des biens du domaine privé de l'Etat

**Ingingo ya 6:** Kugena agaciro

**Article 6:** Valuation

**Article 6 :** Evaluation

**Ingingo ya 7 :** Gukoresha ipiganwa binyuze mu mabasha afunze

**Article 7** Bidding in sealed envelopes

**Article 7 :** Soumission des plis fermés

<b><u>Ingingo ya 8</u></b> : Iyishyurwa ry'umutungo waguzwe	<b><u>Article 8:</u></b> Payment for sold assets	<b><u>Article 8</u></b> : Paiement des biens achetés
<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Kujiyana umutungo waguzwe	<b><u>Article 9:</u></b> Withdrawal of the purchased asset	<b><u>Article 9</u></b> : Retrait du bien acheté
<b><u>Ingingo ya 10</u></b> :Gutanga no kugurana umutungo bwite wa Leta	<b><u>Article 10:</u></b> Donation or exchange of State private asset	<b><u>Article 10:</u></b> Donation ou échange du bien du domaine privé de l'Etat
<b><u>Ingingo ya 11</u></b> : Gukuraho burundu umutungo bwite wa Leta	<b><u>Article 11:</u></b> Complete destruction of a state private asset	<b><u>Article 11</u></b> : Destruction des biens du domaine privé de l'Etat
<b><u>Ingingo ya 12</u></b> : Uburyo bwihariye	<b><u>Article 12</u></b> : Specific method	<b><u>Article 12</u></b> : Méthode particulière
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<b><u>Article 13:</u></b> Repealing provision	<b><u>Article 13:</u></b> Disposition abrogatoire
<b><u>Ingingo ya 14</u></b> : Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<b><u>Article 14:</u></b> Commencement	<b><u>Article 14:</u></b> Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N°007/2009 RYO KUWA 01/12/2009 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE Y'UTUNAMA DUSHINZWE KUGENA AGACIRO K'UMUTUNGO BWITE WA LETA UGURISHWA, UGURANWA, UTANGIRWA UBUNTU CYANGWA UVANWAHO**

**MINISTERIAL ORDER N° 007/2009 OF 01/12/2009 DETERMINING THE ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE ASSET DISPOSAL EVALUATION COMMITTEE TO SET VALUE FOR STATE PRIVATE ASSETS TO BE SOLD, EXCHANGED, DONATED OR COMPLETELY DESTROYED**

**ARRETE MINISTERIEL N°007/2009 DU 01/12/2009 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DES COMITES D'EVALUATION DES BIENS DU DOMAINE PRIVÉ DE L'ETAT DEVANT ETRE VENDUS, ECHANGES, DONNES OU DETRUIITS**

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;**

**The Minister of Finance and Economic Planning;**

**Le Ministre des Finances et de la Planification Economique ;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120,121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n°37/2006 ryo kuwa 12/09/2006 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Pursuant to Organic Law n°37/2006 of 12/09/2006 on State finances and property as modified and complemented to date;

Vu la Loi Organique n°37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat telle que modifiée et complétée à ce jour ;

Ashingiye ku Itegeko N°50/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena uburyo Leta yivanaho umutungo wayo bwite, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 14, iya 18 n'iya 22;

Pursuant to Law N°50/2008 of 09/09/2008 determining the procedure for disposal of state private assets especially in Articles 8, 9, 14, 18 and 22;

Vu la Loi N°50/2008 du 09/09/2008 fixant les procédures de disposition des biens du domaine privé de l'Etat, spécialement en ses articles 8, 9,14, 18 et 22 ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 11/11/2009, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 11/11/2009;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 11/11/2009 ;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**Ingingo ya mbere: Icyo iteka rigamije**

Iri teka rigena imiterere n'imikorere y'Utunama dushinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta ugurishwa, uguranwa, utangirwa ubuntu cyangwa uvanwaho.

**Ingingo ya 2: Gutegura urutonde rw'umutungo**

Ushinzwe Imari n'umutungo mu rwego rwa Leta rugomba kwivanaho umutungo niwe utegura urutonde rw'uwo mutungo maze akarushyikiriza Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari kugira ngo nawe abashe kurushyikiriza akanama kagena agaciro.

**Ingingo ya 3 : Ishyirwaho ry'akanama kagena agaciro**

Akanama kagena agaciro k'umutungo bwite wa Leta gashyirwaho n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari muri buri rwego rugenerwa ingengo y'imari. Ako kanama gashinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta ugurishwa, utangirwa ubuntu cyangwa ukurwaho burundu.

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the organisation and functioning of the asset disposal evaluation Committee to set value for state private assets to be sold, exchanged, donated or completely destroyed.

**Article 2: Preparation of asset list**

The Person responsible for finance and property in a public institution with private assets to be disposed of shall prepare and forward the list of those assets to the Chief budget manager for the latter to transmit that list to the valuation Committee.

**Article 3: Establishment of the valuation Committee**

The valuation Committee shall be established by the Chief budget manager in each budgetary agency. That Committee is responsible for determining the value of State private asset which shall be sold, donated, exchanged or destroyed.

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine l'organisation et le fonctionnement des comités d'évaluation des biens du domaine privé de l'Etat devant être vendus, échangés, donnés ou détruits.

**Article 2 : Etablissement de la liste des biens**

Le chargé des finances et patrimoine dans l'agence budgétaire qui doit disposer des ses biens établit la liste des ces biens et la transmet au Gestionnaire principal du budget pour que ce dernier puisse la transmettre au comité d'évaluation.

**Article 3 : Mise en place du comité d'évaluation**

Le comité d'évaluation du bien privé du domaine de l'Etat est institué par le Gestionnaire principal dans chaque agence budgétaire. Ce comité est chargé de déterminer la valeur du bien du domaine privé de l'Etat qui doit être vendu, donné à titre gratuit ou détruit.

**Ingingo ya 4 : Abagize akanama kagena agaciro n'igihe kamara**

Akanama kagena agaciro k'umutungo bwite wa Leta kagizwe n'abantu batanu (5) bakurikira :

1° Umuyobozi w'Ishami rishinzwe imari ;

2° Ushinzwe ibikoresho by'Urwego ;

3° Abandi batatu habariwemo na Perezida w'ako kanama bashyirwaho n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari muri urwo rwego.

Umukozi ushinzwe ibikoresho ahora mu kanama gashinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta kandi akakabera umwanditsi.

Iyo urwego rudafite ubumenyi buhagije ku mutungo bwite rushaka kwivanaho bitewe n'imiterere yihariye y'uwo mutungo, urwo rwego rwiambaza impuguke yigenga mu kugena agaciro k'uwo mutungo.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari ashobora guhindura umwe mu bagize Akanama gashinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta cyangwa abakagize bose abonye batuzuzza neza inshingano bahawe cyangwa hari izindi mpamvu zumvikana.

**Article 4: Composition of the valuation committee and its term of office**

The valuation committee is composed of five (5) following members:

1° The head of finance Unit;

2° The officer in charge of logistics;

3° Other three members including the president of the valuation Committee nominated by the Chief budget manager of that entity.

The Officer in charge of logistics shall be the secretary of the valuation Committee.

When the asset to be disposed presents a particular nature not knowledgeable to the institution, the budgetary agency may entrust the valuation of the State private assets to an independent valuator.

The Chief budget manager may change a Committee member or the entire Committee if there is not performing well their duties or for others justified reasons to do so.

**Article 4: Composition du comité d'évaluation et son mandat**

Le comité d'évaluation des biens du domaine privé de l'Etat est composé des cinq (5) membres suivants:

1° Le Directeur de l'unité chargé des finances ;

2° L'Agent chargé de la logistique ;

3° Trois autres membres, inclus le président du comité qui sont nommés par le Gestionnaire principal de cette agence.

L'Agent chargé de la logistique assure le secrétariat du comité d'évaluation des biens du domaine privé de l'Etat.

Lorsque l'agence budgétaire ne dispose pas assez de connaissances sur le bien à disposer suite à la particularité de ce bien, cette agence fait recours à un expert indépendant pour l'aider à évaluer le bien.

Le Gestionnaire principal peut changer un membre du comité d'évaluation ou tout le comité s'il trouve qu'ils ne remplissent pas convenablement leurs attributions ou pour d'autres raisons justifiées.

Akanama gashinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite kagira manda y'igihe cy'imyaka itatu (3) idashobora kongerwa. Umuntu umaze igihe kingana na manda imwe atari mu kanama gashinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta ashobora kongera kugashyirwamo kimwe n'abatavuzwe mu ngingo ya 5 y'iri teka.

**Ingingo ya 5: Abatemerewe kujya mu kanama kagena agaciro**

Abantu bakurikira ntibemerewe kujya mu kanama kagena agaciro k'umutungo bwite wa Leta:

- 1° Umuyobozi Mukuru ushinzwe gufata ibyemezo mu rwego;
- 2° Abagize Komite Nyobozi z'Uturere n'Umujyi wa Kigali;
- 3° Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari mu rwego;
- 4° Umugenzuzi w'imari;
- 5° Umujyanama mu byerekeye amategeko.

**Ingingo ya 6: Kugena agaciro**

Ibishingirwaho mu kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta n' ibi kikurikira:

- 1° agaciro kagenwa n'ibarura mutungo;

The term of office for the valuation Committee is three year (3) not renewable. After an interval of one term of office as a member of the valuation Committee, a member may again be appointed on the Committee as well as those who are not mentioned under Article 5 of this Order.

**Article 5: Officials not allowed to be members of the valuation Committee**

The following officials shall not be allowed to be members of the valuation Committee of the state private assets:

- 1° The head of a public body ;
- 2° The members of Executive Committees of Districts and Kigali City Councils ;
- 3° The chief budget manager;
- 4° The internal auditor;
- 5° The legal advisor.

**Article 6: Valuation**

The valuation shall be conducted based on the following grounds:

- 1° the book value;

Le Comité d'évaluation des biens du domaine privé de l'Etat a un mandat de trois ans (3) non renouvelable. Dans l'intervalle d'un mandat, un agent peut être de nouveau désigné comme membre du comité d'évaluation ainsi que ceux qui ne sont pas cités dans l'article 5 du présent arrêté.

**Article 5 : Agents publics ne pouvant pas faire partie du comité d'évaluation**

Les personnes suivantes ne doivent pas faire partie du comité d'évaluation des biens du domaine privé de l'Etat :

- 1° Le chef responsable d'une institution publique ;
- 2° Les membres des comités exécutifs au niveau des Districts et de la Ville de Kigali ;
- 3° Le Gestionnaire principal du budget ;
- 4° L'Auditeur interne ;
- 5° Le Conseiller juridique.

**Article 6 : Evaluation**

L'évaluation doit être menée sur base des critères ci-après :

- 1° la valeur comptable ;

2° agaciro k' uwo mutungo ku isoko;  
3° imiterere y' umutungo bwite wa Leta ushobora kugurishwa, gutangwa, kuguranwa cyangwa gukurwaho burundu.

2° the value of the asset on the market;  
3° the nature of the asset to be sold, donated, exchanged or destroyed.

2° la valeur du bien sur le marché ;  
3° la nature du bien à vendre, à donner, à échanger ou à détruire.

**Ingingo ya 7 : Gukoresha ipiganwa binyuze mu mabahasha afunze**

Gukoresha ipiganwa binyuze mu mabahasha afunze bikorwa iyo ibintu bigurishwa biri ahantu hatatanye kubikusanyiriza hamwe bishobora guhenda urwego rugurisha cyangwa iyo bifite agaciro kanini kangana na miliyoni mirongo itanu (50.000.000 Frw) y' amafaranga y' u Rwanda cyangwa karenzeho. icyo gihe bishyirwa mu matsinda, upiganwa akaba ashobora gupiganira itsinda rimwe, amatsinda menshi cyangwa akabipiganira byose.

**Article 7: Bidding in sealed envelopes**

Bidding in sealed envelopes shall be used if assets to be sold are located in scattered areas such that gathering them may be expensive for the disposing entity or if the assets are of high value equal or higher than fifty million (50,000,000 Rwf) Rwandan francs. In that case, those assets shall be put in bulk and the buyer can compete for a single lot, several or all lots.

**Article 7 : Soumission des plis fermés**

La soumission des plis fermés est utilisée en cas de dispersion des biens à vendre et le regroupement pouvant entraîner une perte pour l'entité qui dispose de ces biens, ou en cas de biens de grande valeur supérieure ou égale à cinquante million (50.000.000 Frw) de francs rwandais. Dans ce cas, ces biens sont groupés en lots, et l'adjudicataire peut concourir pour un lot, plusieurs lots ou tous.

**Ingingo ya 8 : Iyishyurwa ry' umutungo waguzwe**

Kwishyura umutungo bwite wa Leta waguzwe binyuze muri cyamunara, amabahasha afunze, ubwumvikane butaziguye cyangwa kuwugurisha uwari warawugurishije urwo rwego bigomba gukorwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n' itanu (15) uherye igihe igikorwa cyo kugurisha kibereye.

**Article 8: Payment for sold assets**

Payment for the sold assets by bidding through sealed envelopes, direct negotiations, or reselling to the original seller shall be done within fifteen (15) days from the date of the selling session.

**Article 8 : Paiement des biens achetés**

Le paiement du bien du domaine privé de l'Etat vendu par voie de soumission des plis fermés, négociation directe ou la revente au fournisseur doit se faire endéans quinze (15) jours à compter de la date de la vente.

Uguze iyishyura byose ako kanya. Ariko urwego rwivanaho uwo mutungo rushobora

The buyer shall pay cash. However, the institution may require the payment of ten per

L'acheteur paie tout au comptant. Toutefois, l'agence qui adjuge peut demander à l'acheteur

gusaba ko uguze yishyura icumi ku ijana (10%) akoresheje sheki ako kanya akimara kumenyeshwa ko yegukanye umutungo uvugwa muri iyi ngingo, asigaye akishyurwa kuri konti yagaragajwe mu igurisha nk'uko biteganywa n'itegeko rigena uburyo Leta yivanaho umutungo wayo bwite, mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) nk'uko bivugwa mu gika kibanziriza iki. Ihererekanya mutungo rikorwa iyo ugura amaze kwishyura yose. Amasezerano y'igurisha niyo yemeza ihererekanya mutungo ku mutungo wimukanwa.

Ihererekanya mutungo ku mutungo utimukanwa rikorwa hakurikije amategeko abigenga.

Uguze umutungo bwite wa Leta ntabashe kwishyura amafaranga yose mu gihe cyateganyijwe kivugwa muri iyi ngingo, atakaza uburenganzira kuri uwo mutungo kandi ntabwo asubizwa amafaranga yatanze ku muni w'igurisha.

**Ingingo ya 9: Kujiyana umutungo waguzwe**

Uguze umutungo bwite wa Leta kandi wamaze kwishyura nk'uko biteganyijwe muri iri teka agomba gutwara uwo mutungo mu gihe cyamenyekanishijwe mu itangazo ryerekeye

cent (10%) immediately by cheque after notification of award of the asset mentioned under this provision, the balance shall be paid through the account indicated during the selling session pursuant to the law determining the procedure for disposal of state private assets, within a period of fifteen (15) days in accordance with the previous provision. The transfer of ownership shall take place after the total payment. The sale contract is the evidence of transfer of ownership for movables.

The transfer of ownership for immovable shall be operated in conformity with relevant laws.

The buyer who does not pay the total price of the bought asset, shall lose the right to that asset as well as the money paid at the day of the sale.

**Article 9: Withdrawal of the purchased asset**

The buyer of the state private assets who paid in accordance with this Order shall withdraw the purchased asset within a time specified in the notice related to the sale of that asset.

de payer dix pour cent (10%) par chèque immédiatement après notification d'attribution du bien dont il est question dans cet article, le reste devra être versé au compte indiqué lors de la vente conformément à la loi fixant les procédures de disposition des biens du domaine privé de l'Etat, dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours conformément à la disposition précédente. Le transfert de propriété s'opère après le paiement total. Le contrat de vente constitue la preuve du transfert de propriété pour les biens meubles.

Le transfert de propriété pour les immeubles s'opère conformément aux lois y relatives.

L'acheteur du bien du domaine privé de l'Etat qui ne parvient pas à payer la totalité du coût du bien acheté perd le droit sur ce bien et ne peut prétendre le remboursement du montant versé le jour de la vente.

**Article 9 : Retrait du bien acheté**

L'acheteur du bien du domaine privé de l'Etat et qui a payé conformément au présent arrêté doit récupérer ce bien dans le délai indiqué dans l'annonce relative à la vente de ce bien.



igurishwa ry'uwo mutungo.

Utinze kujyana umutungo yaguze akarenza igihe giteganyijwe mu itangazo rivugwa muri iyi ngingo acibwa igihano cy'ubukererwe gihwanye na rimwe n'igice ku ijana (1,5%) cy'igiciro cy'ikiguzi cy'uwo mutungo ku munsu w'ubukererwe. Uko byagenda kose, icyo gihano ntikigomba kurenga mirongo itanu ku ijana (50%) by'igiciro cyaguzweho umutungo.

Iyo ibihano by'ubukererwe birenze mirongo itanu ku ijana (50%) by'igiciro cyaguzweho umutungo, uwaguze afatwa nk'uwananiwe agatakaza uburenganzira kuri uwo mutungo ndetse no ku mafaranga yose yatanze maze uwo mutungo ukagurishwa bundi bushya.

Umutungo ugurwa uko uri kandi bifatwa ko ugura aba yabonye neza umutungo ugurwa kandi azi imiterere yawo mbere yo kuwugura. Urwego rwa Leta ntacyo ruryozwa ku miterere y'umutungo nyuma y'igurishwa ryawo.

**Ingingo ya 10:Gutanga no kugurana umutungo bwite wa Leta**

Gutanga cyangwa kugurana umutungo bwite wa Leta bikorerwa amasezerano yanditse. Ayo masezerano niyo agaragaza uburyo uwo mutungo ugomba gukoreshwa. Ayo

Any person who does not withdraw the bought asset within the time specified in the notice mentioned in this Article shall incur penalties equivalent to (1.5 %) of the total price of the bought asset, per day. Nevertheless, the incurred penalties shall not exceed fifty per cent (50%) of the total price of the sold asset.

When the penalties exceed fifty per cent (50%) of the total cost of the asset purchased, the buyer shall be declared defaulter and shall have no right to that asset which shall be subject to resale.

The asset shall be sold as it is and the buyer is supposed to have seen and known its nature. The budgetary agency shall never be held responsible for the nature of an asset after its sale.

**Article 10: Donation or exchange of State private asset**

The donation or exchange of State private asset shall be under a written contract. That contract shall determine the use of donated or exchanged asset.

Celui qui n'emporte pas son bien acheté dans le délai précisé dans l'annonce mentionné dans le présent article encoure une pénalité de un et demi pour cent (1,5%) du prix d'achat de ce bien, par jour de retard. Toutefois, ces pénalités ne doivent pas excéder cinquante pour cent (50%) du prix de vente de ce bien.

Lorsque, les pénalités de retard excèdent cinquante pour cent (50%) du prix de vente de ce bien, l'acheteur devra être considéré comme défaillant, il devra perdre tout droit sur ce bien et ce dernier sera soumis à la revente.

Le bien est acheté selon la forme dans laquelle il se trouve et l'acheteur est sensé avoir bien vu le bien à acheter et eu connaissance de sa nature. L'agence budgétaire ne peut être tenu responsable de la nature d'un bien après sa vente.

**Article 10: Donation ou échange du bien du domaine privé de l'Etat**

La donation ou l'échange d'un bien du domaine privé de l'Etat doit se faire sur base d'un contrat écrit. Ce contrat devra déterminer le mode d'utilisation du bien donné ou

masezerano niyo ateganya imikoreshereze y'umutungo watanzwe cyangwa wa guranywe.

**Ingingo ya 11 : Gukuraho burundu umutungo bwite wa Leta**

Mu gihe nta kindi ushobora gukoreshwa, umutungo bwite wa Leta ushobora kuvanwaho burundu nko gutwikwa, cyangwa hakoreshejwe ubundi buryo bwose bwatuma uwo mutungo uhita ushira. Minisitiri ufite ibikorwa remezo mu nshingano ze n'urwego rufite mu nshingano zarwo kurengera ibidukikije bagomba kubitangira uruhushya.

Urwego rwa Leta rugenerwa ingengo y'imari rwivanaho burundu umutungo bwite warwo iyo:

- 1° utagifite icyo ukoreshwa,
- 2° utabona abawugura;
- 3° ushobora guhumanya.

Uko byagenda kose, urwego rufite mu nshingano zarwo kurengera ibidukikije rugomba guhagararirwa mu gihe cyo kuvanwaho burundu k'umutungo bwite wa Leta.

**Ingingo ya 12 : Uburyo bwihariye**

Kwivanaho umutungo bwite wa Leta kuberekeye inyubako n'amamodoka bitangirwa uruhushya na Minisitiri ufite

**Article 11: Complete destruction of a state private asset**

When a State private asset is no longer of any use, it may be burnt to destruction or by use of any other means; however such disposal shall be authorized by the Minister in charge of Infrastructure in collaboration with an Organ in charge of environmental conservation.

The budgetary agency shall destroy a State private asset when:

- 1° it is no longer for any use,
- 2° can not be purchased,
- 3° it is toxic.

In any case, the Organ in charge of environmental conservation shall be represented during the destruction of the State private asset.

**Article 12 : Specific method**

The disposal of Government buildings and vehicles shall be authorized by the Minister having infrastructure in his/her attributions.

échangé.

**Article 11 : Destruction des biens du domaine privé de l'Etat**

Lorsque les biens du domaine privé de l'Etat n'ont plus d'utilité, ils peuvent être détruits en les brûlant ou le faire disparaître par n'importe quel moyen; toutefois une telle disposition doit être autorisée par le Ministre ayant les infrastructures dans ses attributions en collaboration avec l'organe compétent pour la protection de l'environnement.

L'agence budgétaire détruit le bien du domaine privé de l'Etat lorsque ce bien:

- 1° n'a plus d'utilité,
- 2° ne peut trouver d'acheteur,
- 3° est toxique.

De toute façon, l'organe compétent pour la protection de l'environnement doit être représenté pendant la destruction des biens du domaine privé de l'Etat.

**Article 12 : Méthode particulière**

La disposition des biens du domaine privé de l'Etat, relative aux immeubles et aux véhicules devra être autorisée par le Ministre ayant les

ibikorwa remezo mu nshingano ze.

**Ingingo ya 13 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** **Article 13: Repealing provision**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Ingingo ya 14 : Igihe iri teka ritangira gukurikizwa** **Article 14: Commencement**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, kuwa 01/12/2009

Kigali, on 01/12/2009

infrastructures dans ses attributions.

**Article 13: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 14: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 01/12/2009

(sé)

**MUSONI James**  
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

(sé)

**MUSONI James**  
Minister of Finance and Economic Planning

(sé)

**MUSONI James**  
Ministre des Finances et de la Planification  
Economique

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux